REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'UBUCURUZI, INGANDA N'IBIKORWA BY'UMURYANGO W'AFRICA Y' UBURASIRAZUBA
B.P 73 KIGALI

ITANGAZO RYA MINISITERI Y'UBUCURUZI, INGANDA N'IBIKORWA BY'UMURYANGO W'AFRIKA Y' UBURASIRAZUBA

Nyuma y' igenzura ryakozwe na Minisiteri y' Ubucuruzi, Inganda n' Ibikorwa by'Umuryango w'Afrika y'Uburasirazuba ku mikino y'amahirwe, hakagaragara ko hari sosiyete yemerewe gucuruza iyo mikino itubahiriza neza amategeko n'amabwiriza ayigenga, cyane cyane kutishyura abatsindiye kuntego zatanzwe.

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda n' Ibikorwa by'Umuryango w' Afrika y' Uburasirazuba, ashingiye ku itegeko n°58/2011 ryo kuwa 31/12/2011 rigenga ibikorwa by'imikino y'amahirwe, ashingiye kandi ku mpungenge zimaze iminsi zigaragazwa n' abaturage bo mu Turere tumwe na tumwe batishyurwa integano y'amahirwe adahinduka baba bategeye;

Aramenyesha abanyarwanda bose ko **imikino yo gutega y' ikigo cy' ubucuruzi cya LPS/NEW SOJEL PARTNERSHIP izwi kw' izina rya Sports4Africa** ibaye ihagaritswe by'agateganyo kugira ngo hanononsorwe uburyo ubucuruzi bwayo bugomba gukorwa ntawe bubangamiye, kandi ibanze kwishyura no kurangiza izindi nshingano zituruka ku bikorwa by'imikinoy'amahirwe yo gutega yagejeje kubakiniye ahantu hatangirwa serivisi zayo bagatsindira integano yashyizweho.

Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda n' Ibikorwa by'Umuryango w' Africa y' Uburasirazuba, arasaba inzego zose bireba cyane cyane Ubuyobozi bw'Inzego z'ibanze na Polisi gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'iki cyemezo.

Bikorewe i Kigali, ku wa ..13../..03../2017

KANIMBA François
Minisitiri w'Ubucuruzi, Inganda n' Ibikorwa by'Umuryango w' Africa y' Uburasirazuba